I&M | Bank

# IFISHI YO KWEMERA K'UMUBYEYI W'UTANGWAHO AMAKURU

JYEWE, ..........................................................................................., ufite Indangamuntu No ..........................................................................., uburenganzira nk'umubyeyi ku mwana utaruzuza imyaka y'ubukure witwa (muri iyi nyandiko witwa " Umukiriya") mpaye **I&M Bank (Rwanda) Plc** (yitwa muri iyi nyandiko **"Banki"**) n'abandi bose bakorana nayo mu bijyanye no gutunganya amakuru uburenganzira bwo gutunganya amakuru bwite yerekeye umukiriya ku mpamvu zikurikira:

- Kubahiriza ibisabwa n'amategeko mu rwego rwo kumenya umukiriya (KYC) mbere yo gufungura konti.
- Kumpa ibicuruzwa/serivisi umukiriya yasabye nk'amakarita akoreshwa muri Banki (Debit and Credit Card), kohereza amafaranga ahandi, ibikorwa bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga, n'Udutabo twa sheki).
- Kwakira ubutumwa bujyanye n'iyamamazabikorwa butangwa na Banki ku byerekeranye n'ibicuruzwa/serivisi zayo kimwe n'ibicuruzwa na serivisi zitangwa n'abandi banyamuryango ba I&M Group bishobora kuba byangirira akamaro.
- Kuyakoresha, igihe bibaye ngombwa, mu gusuzuma ubusabe bw'inguzanyo mu gihe kizaza igihe umukiriya yaramuka ayisabye.
- Mu rwego rwo gutegurira inzego zigenzura banki raporo ku byerekeranye n'uko konti y'umukiriya ihagaze.

Numva ko ibingibi ari ngombwa ku nyungu zumvikana za Banki kugirango ibashe gusuzuma amakuru bwite amwerekeyeho kugirango ibashe kumuha serivisi zikwiye zijyanye n'ubusabe bwe bwose.

Nzi ko mu izina ry'umukiriya nshobora kubona imiterere y'amakuru bwite amwerekeyeho banki ikusanya n'impamvu ituma iyakusanya ikanayatunganya mbisabye nyuze kuri imeyili dpo@imbank.co.rw cyangwa nyuze ku muntu ubishinzwe (Help Desk) ukorera kuri buri shami rya Banki.

Nzi ko mu izina ry'umukiriya nshobora kuvanaho uku kwemera igihe icyo ari cyo cyose nkoresheje Ifishi yo Kuvanaho Ukwemera k'Umubyeyi w'Utangwaho amakuru iri ku rubuga rwa interineti rwa Banki ari rwo (https://www.imbankgroup.com/rw/) cyangwa nyikuye ku muntu ubishinzwe (Help Desk) ukorera kuri buri shami rya Banki.

Nemeye ko nasomye kandi numvise amategeko n'amabwiriza akubiye mu Itangazo rijyanye n'ubuzima bwite ryashyizwe ku rubuga rwa interineti rwa I&M Bank kandi nkaba nemeye kubyubahiriza. Mpaye Banki na/cyangwa abatanga serivisi zayo na/cyangwa ibigo biyishamikiyeho uburenganzira bwo gukoresha amakuru bwite yerekeye ku mukiriya ndetse n'amakuru y'ibanga nk'uko byavuzwe hejuru.

**Umukono w'utangwaho amakuru:**

Nomero ya Konti: ______________________________

Amazina ya Konti: ______________________________

Umukono: ______________________________

Itariki: ______________________________

**Hagenewe Banki Gusa**

Byakiriwe na: ______________________________

Itariki byakiriweho: ______________________________

Umukono na Kashe: ______________________________